

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITERI Y’UBUREZI

IKIGO CY’IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO

INTEGANYANYIGISHO Y’IKINYARWANDA MU MASHAMI ATARI AY’INDIMI

Kigali, Gashyantare 2010

1. Iriburiro

Ikinyarwanda gifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda. Ni rwo rurimi ruha Abanyarwanda ubushobozi bwo kuranga isi, kugaragaza imbamutima, gushyikirana baganira, bungurana ibitekerezo, bagezanyaho ubutumwa...

Ururimi rw'Ikinyarwanda rufite uruhare rukomeye mu guhamya Umunyarwanda udafite isoni n'ubwoba by'umuco we kandi utisuzugura. Umuco w'u Rwanda ukomeye abawurinda n'abawubungabunga ngo hatwo imico y'amahanga itawumira. Iyo nshingano rero ni iy'Abanyarwanda ubwabo. Inzira ya mbere iriho ni ukwigisha Ikinyarwanda n'imiterere yacyo.

Kwigisha Ikinyarwanda bihamye rero ni ugushimangira ubunyarwanda. Ni ugushyikiriza umwana w'u Rwanda ibyo abakurambere bahanze bakabisigira Umunyarwanda wese ho umurage. Bityo kwiga Ikinyarwanda bikaba guhura n'ibyo kibumbatiye: uko giteye, ubugeni gihetse, umuco n'imyumvire y'Abanyarwanda. Ibi bisobanura ko kwigisha Ikinyarwanda ari ugufasha umwana w'u Rwanda kugicengera ari mu miterere yacyo no mu bwiza bwacyo: uko cyemerera ukivuga gutaka imvugo ye.

Kwigisha Ikinyarwanda rero bikwiye kuba umwanya wo guha Umunyarwanda ubushobozi bwo kwirinda kumirwa n'amahanga, ibyiza agisangamo akabyamamaza, ibyo anenga akabikosora, akagikungahaza ngo gihangane n'iterambere isi ihorana.

2. Ibigamijwe mu kwigisha Ikinyarwanda

Mu kwigisha ururimi kavukire hari ibintu bine by'ingenzi biba bigamijwe ari byo:

1. Ubuhanga :

- Ururimi kavukire ni rwo fatizo ryo kumva no gusobanura isi.
- Ururimi kavukire ni intangiriro yo kumenya izindi ndimi.
- Ururimi kavukire ruduha uburyo n'ububasha bwo gutekereza, kunguka ubwenge , guhirika inkuta z'ubujiji.
- Ururimi kavukire ni rwo dutekerezamo iyo tuvuga : kumenya ururimi rwawe ni ko kumenya imitekerereze y'abo murusangiye. Imyitozo irukurwamo y'isesengura n'inozamvugo ituma abanyeshuri bagira imitekerereze itunganye.
- Kwiga ururimi rwawe bigaragaza ukwiyubaha, ugushyira mu gaciro n'ubuhame bw'ibitekerezo. Umuntu wize ururimi rwe agira ubushobozi bwo kururinda mu ruhando rw'izindi ndimi. Atahura ko imiterere yihariye yarwo ari yo ituma ruba ururimi rutandukanye n'izindi kandi rufite ingingo zose n'ububasha bwose nk'iby'izindi ndimi maze akarushaho kurukungahaza.

2. Ubusabane :

Ururimi kavukire ni inzira yo gushyikirana n'abandi. Umunyeshuri agomba rero kugira ubushobozi bwo kugeza ku bandi vuba kandi neza ibyifuzo bye, imbamutima ze n'ibyo yungutse. Mu rurimi rwe kavukire, umunyeshuri agomba kwiga kuganira, kumva abandi ndetse rimwe na rimwe akagerageza kwemera igitekerezo runaka kuko ari cyo yumva gitunganye. Uwo mwanya wo kwiyumva mu bandi ushimangira intego yo guhamya ubunyarwanda.

3. Ubukeshya

Mu kumwigisha ururimi rwe kavukire, icyifuzwa ni uguha umunyeshuri uburyo bunyuranye bwo kwitegereza, kugereranya, gusesengura, gucishiriza no guhitamo mu byitegererezo binyuranye dusanga mu myandiko inyuranye. Imyandiko ahura na yo, yaba ifite imizi mu buvanganzo nyarwanda yaba imyandiko isanzwe, igira uko imufasha guhindura inyifato ye. Imyandiko rero igomba kwerekeza umunyeshuri aheza.

4. Ubuhanzi

Kwigisha ururimi kavukire biba bigamije gukangurira abanyeshuri ubugeni n'ubuvanganzo igihe cyose biga imyandiko ngo na bo babe bahera ku ngeri bize maze bahange. Kwigisha Ikinyarwanda ni ugutoza umwana umuco w'igihugu cye kugira ngo atitwara nk'igihindugembe.

Mu kwigisha ururimi kavukire, umwarimu akena uburyo butunganye bwo kubahugurira kwisobanura badategwa igihe bavugaga cyangwa bandika bikurikije ubuhanga buriho bwo kwandika imyandiko inyuranye ; kumva no kwiyumvikanisha, gusesekaza imbamutima zabo ; mbese kuvuga, gusoma no kwandika.

Bityo kwigisha ururimi kavukire bigomba kongerera uwiga ubushobozi bwo kurukoresha birambuye mu gushyikirana n'abandi. Ni ngombwa rero kumwongerera amagambo n'ubumenyi byo kumufasha gushyikirana n'abandi tutirengagije kumufasha gusobanukirwa imiterere n'imikorere y'ururimi rwe.

Iyi nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda yateguwe dushingiye kuri ibi byose bimaze kuvugwa. Twanashingiye kandi ku ivugurura ryakozwe ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda igenewe amashuri abanza n'icyiciro rusange ngo habeho ukunguruza kw'inyigisho.

3. Imiterere y'iyi nteganyanyigisho

Iyi nteganyanyigisho yihatiye gukemura ibibazo iyari isanzwe yateraga birimo nko kuba:

- itagaragazaga ibikorwa n'umunyeshuri igihe yiga icyigwa runaka mu gihe twemera ihame rivuga ko imyigishirize inoze igomba gushingira ku wiga bityo ikamuha urubuga rukwiye mu kongera ubumenyi bwe;
- itoroherazaga umwarimu kuko ititaga ku masaha inyigisho y'Ikinyarwanda yagenewe mbere yo kugena ibyo azigisha. Abarimu bakaba barakomeje kutugaragariza impungenge ko kugena ibyigwa utitaye ku gihe bizigishirizwamo ari ukubakorera umuzigo ugoye itwara;

Ku bijyanye n'ibiyikubiyemo hari ibyahindutse. Nyuma yo gusuzuma integanyanyigisho nshya y'Ikinyarwanda cy'amashuri abanza n'icyiciro rusange, twasanze hari ibyakuwe mu mashuri abanza kuko abarimu b'amashuri abanza batugaragarije ko byagoraga abanyeshuri bo muri icyo cyiciro cy'amashuri bityo byimurirwa mu mashuri yisumbuye (*amategeko y'igenamajwi*). Hari ibyigwa byatangiraga kwigwa mu mashuri yisumbuye ubu byinjijwe mu mashuri abanza: amasaku n'ihangamyandiko (*amabaruwa, amatangazo, raporo...*). Hari insanganyamatsiko zijyanye n'ubumenyi ngengabuzima zitabaga mu nyigisho y'Ikinyarwanda cy'amashuri yisumbuye kandi ubu zarinjijwe mu mashuri abanza zigomba kugarukwaho kugira ngo habeho ukunguruzanya kw'inyigisho: *uburenganzira bwa muntu, uburinganire n'ubwuzuzanye, ikoranabuhanga, ubumwe n'ubwiyunge, kubungabunga ibidukikije, gukunda igihugu, umuco w'amahoro, kwirinda ibiyobyabwenge, kwirinda sida n'izindi ndwara...*Izi nsanganyamatsiko zigomba kugaragara mu nyigisho zinyuranye hitawe ku bihe u Rwanda rwanyuzemo n'ibyo rugezemo

Mu rwego rwo gukuraho impungenge twagaragarijwe n'abarimu ko integanyanyigisho iba irimo ibintu byinshi bityo umwaka ukarangira ibyagenwe byose bitarangiye, iyi nteganyanyigisho igena ibyigwa mu gihe. Umwaka w'amashuri ugizwe n'ibihembwe bitatu. Igihembwe kimwe kigira hagati y'ibyumweru cumi na kimwe n'ibyumweru cumi na bitatu. Hakuwemo ibyumweru by'amasuzuma, twasanze muri rusange igihembwe kibamo ibyumweru umunani byo kwigisha. Ibyigwa byateganyijwe muri iyi nteganyanyigisho byafatiye kuri ibyo byumweru umunani. Ibisigaye bizaba umwanya wo kunononsora ibyigwa bitumvikanye neza no gukoresha amasuzuma arimo n'ibizami.

4. Ishusho y'umunyeshuri urangije amashuri yisumbuye

Mu bijyanye n'inyigisho y'Ikinyarwanda, umunyeshuri urangije amashuri yisumbuye yarakurikiye amashami atari ay'indimi agomba kuba afite ubumenyi, ubumenyingingiro n'ubukeshya bituma:

- atekereza mu buryo bw'ubuhanga no mu buryo bw'inyurabwenge, nta kubogama cyangwa se kuba“nyamujiyobijya”;
- ashobora gusoma no kumva ubuvanganzo nyemvungo cyangwa nyandiko bwanditse mu Kinyarwanda;
- ashobora kugaragaza ibitekerezo bye adategwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda;
- ashobora kwandika nta kosa Ikinyarwanda no kucyandikamo inyandiko zinyuranye;
- asobanukirwa imiterere y'ururimi rw'Ikinyarwanda
- akoresha mu buryo buboneye ururimi rw'Ikinyarwanda;
- agira inyota yo gushaka ubumenyi mu byanditswe no guhanga mu Kinyarwanda;
- agira ubushobozi bwo kubungabunga ibidukikije;
- agaragaza imyifatire ituma ubuzima bwe busugira yirinda ibiyobyabwenge, Sida n'izindi ndwara z'ibyorezo;
- arangwa n'ubushake bwo kwifashisha ikoranabuhanga mu buzima bwe bwa buri munsu;
- yimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane n'uburenganzira bw'ikiremhamuntu;
- agira imyifatire irangwa no gukunda igihugu;
- asobanukirwa n'ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye;
- arangwa no gukunda umuco nyarwanda no kuwaha agaciro.

5. Imbonezanyigisho rusange

Inyigisho y'Ikinyarwanda iba ikubiyemo ibintu bitatu by'ingenzi bikurikira: Ubuvanganzo, iyigandimi n'ubumenyi ngengamibereho. Mu buvanganzo uwiga ahura n'ingeri zinyuranye zigize ubuvanganzo nyarwanda. Mu iyigandimi umunyeshuri asobanukirwa imitere y'ururimi rwe. Ku bijyanye n'ubumenyi ngengamibereho, uwiga yunguka ubwo bumenyi asoma imyandiko inyuranye yaba iy'ubuvanganzo, yaba n'imyandiko isanzwe nk'inkuru, amabwiriza, amatangazo n'indi.

Ibiri muri iyi nteganyigisho rero bikubiye muri izo ngingo eshatu:

1. Ingeri z'ubuvanganzo

Mwarimu azafasha abanyeshuri gutahura ibiranga buri ngeri ku buryo abanyeshuri banaheraho bagahanga imyandiko migufi yo mu ngeri bize.

Bahereye ku bivugwa mu myandiko, mwarimu afasha abanyeshuri kuwumva ari na ko bunguka ubumenyi bunyuranye: imvugo iboneye, ibiranga umuco nyarwanda, imibereho y'Abanyarwanda ubu no mu gihe cyahise....

2. Ikibonezamvugo

Mu isomo ry'ikibonezamvugo, mwarimu akwiye gushishikariza abanyeshuri kumva akamaro ko kwiga ikibonezamvugo kuko ari wo mwanya wo gusobanukirwa imiterere y'ururimi rwabo kandi ko kuruha agaciro bihera ku kuba rwarizwe bityo imiterere yarwo ikaba izwi. Ikinyarwanda rero ni rumwe mu ndimi zo muri Afurika zakozweho ubushakashatsi mu rwego rwo kurusesengura hagamijwe kugaragaza imiterere yarwo. Ibyigishwa rero mu kibonezamvugo ni ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe ku Kinyarwanda bityo kutabigira ibyabo bikaba byafatwa nko kutiha agaciro.

3. Ubundi buhanga

Muri iki gice, umunyeshuri azigishwa ubumenyi bunyuranye burimo ubujyanye no guhanga yandika akurikiza amategeko y'imiterere y'umwandiko runaka. Ubu bumenyi ni gikwira kuko bwigwa hose hagamijwe guhanga imyandiko iberanye n'ubumenyi rusange. Abanyeshuri bazigishwa ubuhanga bwo guhina imyandiko, kurambura ingingo bubahiriza imbata, gutahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko, kwandika Ikinyarwanda uko amabwiriza y'imyandikire abiteganyaga, kwandika amabaruwa, gukora umwirondoro n'ibindi.

6. Isuzuma

Kuri buri gace k'isomo umwarimu asuzuma ubushobozi bw'umunyeshuri kugira ngo abone gukomeza isomo. Igihe umwarimu asuzuma ahera ku ntego zihariye zagenewe buri gace k'isomo. Amasuzuma agamije gutanga amanota azajya akorerwa ku gace k'isomo runaka bitewe n'uko umwarimu ashaka kugashimangira. Ikizamini cyo kigomba kuba kireba buri gace kugira ngo intego zose zisuzumwe.

7. Imbata rusange yo kwigisha umwandiko

Ibikorwa bya mwarimu	Ibikorwa by'umunyeshuri
<ul style="list-style-type: none">• Kubaza abanyeshuri imyandiko bize• Kubwira abanyeshuri kwitegereza amashusho y'umwandiko.• Gusomesha bucece• Gusoma by'intangarugero• Gushyira abanyeshuri mu matsinda atarengeje abana 8 buri tsinda• Guha buri tsinda ibyo riri bukore• Gutanga amabwiriza y'akazi ko mu itsinda• Kugenzura ibiganiro mu itsinda• Gushyira hamwe ibyakorewe mu matsinda	<ul style="list-style-type: none">• Kuvuga imyandiko bize• Kwitegereza no gusubiza ibibazo• Gusoma bucece• Gutega amatwi• Gukora amatsinda• Kwakira ibyo bari bukore• Gukorera mu matsinda• Gukusanya ibyakorewe mu matsinda

8. Abateguye iyi nteganyanyigisho

Iyi nteganyanyigisho yateguwe na:

1. NDANDALI DIDACEe, Petit Séminaire de Rwesero
2. MUTEMBEREZI François, Collège APPEC, Remera-Rukoma
3. UMUHOZA Immaculée Bernadette, Collège APE Rugunga
4. KUBWIMANA Fortunée, Inspection Générale
5. HATANGIMANA Patrice, E.S. Rukozo.
6. BACUMUWENDA Néhemiah, NCDC, Kigali

Bayobowe na KARERA Straton, umuteganyanyigisho w'Ikinyarwanda, NCDC, Kigali

IBIKUBIYE MU NTEGANYANYIGISHO

UMWAKA WA KANE

Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icy 1	<ul style="list-style-type: none">• Kuvuga uturango tw'inkuru ngufi• Kuvuga muri make ibivugwa mu nkuru ngufi• Gusobanura inkuru ngufi icyo ari cyo• Guhanga inkuru ngufi	Inkuru ngufi	<ul style="list-style-type: none">• Gusomesha bucece• Gusoma by'intangarugero• Gusomesha bubahiriza utwatumaze n'iyitsa• Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko• Gukosora no kunoza ibisubizo bitanzwe n'abanyeshuri• Kubaza muri make ibikubiye mu nkuru ngufi• Kubaza uturango tw'inkuru ngufi• Kubwira abanyeshuri kuvuga inkuru ngufi icyo ari cyo• Kubwira abanyeshuri guhanga inkuru ngufi bagendeye ku turango twayo	<ul style="list-style-type: none">• Gusoma bucece• Gutega amatwi umwarimu• Gusoma inkuru ngufi yose bubahiriza utwatumaze n'iyitsa• Gusubiza ibibazo ku nkuru ngufi• Gushaka amagambo akomeye akubiye mu nkuru ngufi• Gusobanura amagambo akomeye akubiye mu mwandiko• Kuvuga muri make ibikubiye mu nkuru ngufi• Gushaka uturango tw'inkuru ngufi• Kuvuga inkuru ngufi icyo ari cyo bagendeye ku turango twayo• Guhanga inkuru ngufi agendeye ku turango twayo

Icyā 2	<ul style="list-style-type: none"> • Gutandukanya imigereka n'andi magambo • Kugaragaza umumaro w'umugereka mu nteruro 	Imigereka (w' ahantu, w'uburyo, w'incuro, w'igihe...)	<ul style="list-style-type: none"> • Gusaba abanyeshuri gutahura imigereka mu nteruro no kwiga ku miterere n'umumaro byayo. • Kuyobora abanyeshuri mu gutanga inshoza y'umugereka bahereye ku miterere n'umumaro byawo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura imigereka mu nteruro • Gusesengura imiterere y'umugereka • Kugaragaza umumaro w'umugereka mu nteruro • Gutanga inshoza y'umugereka.
Icyā 3	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza akamaro ko kwitabira umurimo 	Umwandiko ku gukunda umurimo	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko: gusoma, gusobanura, gusesengura. • Kubwira abanyeshuri kuvuga akamaro ko gukunda umurimo. • Kubwira abanyeshuri kugaragaza ingaruka ziterwa no kudakunda umurimo. • Kubwira abanyeshuri gushaka ingamba zihamye zo kwita ku gukunda umurimo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko: gusoma, gusobanura, gusesengura. • Kuvuga akamaro ko gukunda umurimo. • Kugaragaza ingaruka ziterwa no kudakunda umurimo. • Gushaka ingamba zihamye zo kwita ku gukunda umurimo.
Icyā 4	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma hubahirizwa ubutinde n'amasaku • Kwandika hagaragazwa ubutinde n'amasaku 	Ubutinde n'amasaku	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha amagambo yanditse hubahirizwa ubutinde n'amasaku • Gusaba abanyeshuri gushaka amagambo maremare no kuyandika bagaragaza ubutinde n'amasaku 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma yubahiriza ubutinde n'amasaku • Kwandika amagambo maremare yubahiriza ubutinde n'amasaku
Icyā 5	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga bimwe mu bidukikije n'akamaro kabyo • Kuvuga ingaruka ziterwa no kwangiza ibidukikije 	Umwandiko ku bidukikije	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko: gusoma, gusobanura, gusesengura. • Kubwira abanyeshuri kuvuga ibidukikije n'akamaro kabyo. • Kubwira abanyeshuri kugaragaza ingaruka ziterwa no kwangiza ibidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko: gusoma, gusobanura, gusesengura. • Kuvuga ibidukikije n'akamaro kabyo. • Kugaragaza ingaruka ziterwa no kwangiza ibidukikije • Kuvuga ingamba zihamye zo kwita ku bidukikije.

			<ul style="list-style-type: none"> • Kubwira abanyeshuri kuvuga ingamba zihanye zo kwita ku bidukikije. 	
Icy 6	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ibiranga igitekerezo cy'ingabo - Gutahura indangamuco n'ingingo z'amateka zikubiye mu gitekerezo - Gusobanura igitekerezocy'ingabo icyo ari cyo 	Ibitekerezo by'ingabo	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva igitekerezo: gusoma , gusobanura amagambo, kubaza ibibazo ku itekerezo, kuvuga muri make igitekerezo • Kubwira abanyeshuri kuvuga uturango tw'igitekerezo cy'ingabo. • Kubwira abanyeshuri gutanga indangamuco n'ingingo z'amateka 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva igitekerezo • Gutahura uturango tw'igitekerezo. • Gutanga inshoza y'igitekerezo bahereye k turango twacyo. • Gutanga indangamuco n'ingingo z'amateka
Icy 7	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ibiranga inyandikomvugo • Gukora inyandikomvugo 	Inyandikomvugo	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa bigamije kumva inyandiko mvugo:gusoma, gusobanura, gusesengura. • Gusaba abanyeshuri kuvuga ibiranga inyandiko mvugo • Gusaba abanyeshuri gukora inyandikomvugo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva inyandikomvugo(gusoma, gusobanura amagambo, gusesengura) • Gutahura ibiranga inyandikomvugo • Gukora inyandikomvugo bahereye ku turango twayo.
Icy 8	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura ingorane n'ingaruka biterwa n'ikandamiza rishingiye ku gitsina • Kuvuga ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye 	Umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko:gusoma, gusobanura, gusesengura • Gusaba abanyeshuri kugaragaza ingingo zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye. • Kubwira abanyeshuri kuvuga ingaruka z'ivangura ku muryango nyarwanda. • Kubwira abanyeshuri kugaragaza ingamba bafata ngo uburinganire n'ubwuzuzanye bigerweho. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko • Kugaragaza ingingo zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye ziri mu mwandiko. • Kuvuga ingaruka z'ivangura ku muryango nyarwanda. • Kugaragaza ingamba bafata ngo uburinganire n'ubwuzuzanye bigerweho.

<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura ntera mu mwandiko • Gutahura inshoza ya ntera • Kugaragaza uturemajambo twa ntera • Gukoresha amategeko y'igenamajwi muri ntera • Gutandukanya ntera n'izina 	Ntera	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko. • Kubwira abanyeshuri gutahura ntera. • Kubwira abanyeshuri gushaka inshoza ya ntera. <p>Kubwira abanyeshuri gusesengura ntera (uturemajambo, amategeko y'igenamajwi).</p> <p>Kubwira abanyeshuri kuvuga uturango twa ntera n'itandukaniro ryayo na ntera:</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko. • Gutahura ntera. • Gushaka inshoza ya ntera. • Gusesengura ntera. • Gutahura uturango twa ntera • Gutandukanya ntera n'izina mu mbonerahamwe
---	--------------	--	--

Umwaka wa kane

Igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icy 1	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga igitekerezo cye akacyumvisha abandi • Kumva ibitekerezo by'abandi akabishyigikira cyangwa akabisenya mu kinyabupfura 	<p>Impaka ku nsanganyamatsiko zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Indangagaciro z'Abanyarwanda, ubupfura, kurwanya ruswa,... - Uburinganire n'ubwuzuzanye - Imiyoborere myiza - Umuco w'amahoro... 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga insanganyamatsiko igibwaho impaka no gukoresha ibikorwa biganisha kuyumvikanisha (gusoma, gusobanura no gusesengura). • Kurema amatsinda y'abanyeshuri • Gusaba buri tsinda kwitoramo umuvugizi • Gutanga amabwiriza agenga impaka (gusaba ijambo, kwirinda amahane, agasuzuguro, imvugo isesereza,... • Kubasaba kuganira ku 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva insanganyamatsiko no kuyisobanukirwa. • Kwegeranya ibitekerezo mu matsinda (brain-storming) • Gusaba ijambo mbere yo kuvuga • Kuvugana umutuzo, nta gasuzuguro nta n'amahane. • Gukoresha imvugo iboneye • Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko. • Gusubiza ibibazo bya bagenzi babo bashimangira ibitekerezo byabo. • Gutangaza imyanzuro yagezweho mu mpaka.

			<p>nsanganyamatsiko yatanzwe mu buryo bw'impaka</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusaba buri muvugizi gutangariza abandi imyanzuro yagezweho. 	
Icyā 2	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga icyivugo cy'iningwa icyo ari cyo - Gusobanura imiterere y'icyivugo cy'iningwa - Kwivuga - Guhanga ibyivugo by'iningwa 	Ibyivugo by'iningwa	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva icyivugo cy'iningwa: gusoma, gusobanura, gusesengura • Gusaba abanyeshuri kuvuga inshoza y'icyivugo cy'iningwa • Gusaba abanyeshuri guhanga icyivugo cy'iningwa 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva icyivugo • Kuvuga uturango tw'icyivugo cy'iningwa • Gutanga inshoza y'icyivugo cy'iningwa • Guhanga ibyivugo by'iningwa
Icyā 3	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga izinantera icyo ari cyo • Gusesengura izinantera • Gutandukanya izinantera na ntera 	Izinantera	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha interuro cyangwa umwandiko birimo amazinantera. • Kubwira abanyeshuri gusesengura amazinantera. • Kubwira abanyeshuri kugereranya izinantera na ntera/izina. • Kubwira abanyeshuri gutanga inshoza y'izinantera. • Kuvumbura ibihuza izinantera na ntera n'ibirihuza n'izina 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma interuro cyangwa umwandiko. • Gutahura amazinantera. • Gusesengura izinantera. • Kugereranya izinantera na ntera / izina. • Gutanga inshoza y'izinantera. • Gutandukanya izinantera, ntera n'izina
Icyā 4	<ul style="list-style-type: none"> • Kwerekana imiterere y'indirimbo • Kuririmba yubahiriza injyana 	Indirimbo	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva indirimbo: gusoma, gusobanura no gusesengura. • .Kubwira abanyeshuri gutahura ibiranga indirimbo • Gufatisha mu mutwe indirimbo • Kuririmbisha indirimbo 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva indirimbo: gusoma, gusobanura no gusesengura • gutahura ibiranga indirimbo. • Gufata mu mutwe indirimbo • Kuririmba akurikiza injyana (amanota) y'indirimbo.

	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura imigani migufi mu mwandiko • Kwerekana uturango tw'umugani w'umugenurano • Gutanga inshoza y'umugenurano • Gukoresha imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko 	Imigani migufi	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko • Kubwira abanyeshuri gutahura imigani migufi iri mu mwandiko • Kubwira abanyeshuri gutanga inshoza y'umugani mugufi • Kubwira abanyeshuri gukoresha imigani migufi inyuranye 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko • Gutahura imigani migufi iri mu mwandiko • Gukoresha imigani migufi inyuranye • Gutanga inshoza y'umugani mugufi/imigenurano • Gukoresha imigani y'imigenurano mu mvugo no mu nyandiko
Icy 5	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura inshoberamahanga mu mwandiko • Gusobanura inshoberamahanga • Gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko • Gutandukanya inshoberamahanga n'imigani migufi. 	Inshoberamahanga	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko • Kubwira abanyeshuri gutahura inshoberamahanga ziri mu mwandiko • Kubwira abanyeshuri gutandukanya inshoberamahanga n'imigani migufi 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko • Gutahura inshoberamahanga ziri mu mwandiko • Gutandukanya inshoberamahanga n'imigani migufi
Icy 6	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura indangamuco n'ingingo z'amateka zikubiye mu nsigamigani - Gutandukanya insigamigani n'indi myandiko - Gusobanura insigamigani icyo ari cyo. • Gukoresha insigamigani mu buzima busanzwe 	Insigamigani	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha kumva umwandiko: gusoma, gusobanura no gusesengura • Gusaba abanyeshuri gutahura uturango tw'insigamigani • Kubwira abanyeshuri gutanga inshoza y'insigamigani • Kubwira abanyeshuri gukoreha insigamigani 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko • Gutahura uturango tw'insigamigani • Gutanga inshoza y'insigamigani • Gukoresha insigamigani mu mvugo no mu nyandiko
	<ul style="list-style-type: none"> • Kuganira asetsa • Guhimba utwandiko dusekeje 	Urwenya na byendaguzetsa	<ul style="list-style-type: none"> • Kubwira abanyeshuri inkuru isekeje. • Kubwira abanyeshuri 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutega amatwi. • Gutahura ibishekeje biri mu nkuru • Guhimba utwandiko dusekeje

			gutahura ibisekeje biri mu nkuru babwiwe.	
			<ul style="list-style-type: none"> Kubwira abanyeshuri guhimba utwandiko dusekeje 	
Icy 7	<ul style="list-style-type: none"> Guhanga umwandiko aboneza ingingo kandi akoresha uturango tuberanye n'umwandiko ahanga 	Ihangamwandiko	<ul style="list-style-type: none"> Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko : gusoma, gusobanura, gusesengura. Kubwira abanyeshuri gutanga ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. Kubwira abanyeshuri gutegura imbata y'umwandiko. Kubwira abanyeshuri guhanga umwandiko bubahiriza imbata y'umwandiko. 	<ul style="list-style-type: none"> Kumva umwandiko: gusoma, gusobanura amagambo, kubaza ibibazo ku mwandiko.. Kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. Guhina umwandiko ahereye ku ingingo z'ingenzi. Gutegura imbata y'umwandiko runaka. Guhanga umwandiko mu buryo bw'inyurabwenge bubahiriza imbata y'umwandiko.
Icy 8	<ul style="list-style-type: none"> Gukina ahuzwa imvugo n'ingiro kandi ashiramo isesekaza Guhanga ikinamico 	Ikinamico	<ul style="list-style-type: none"> Gukoresha ibikorwa byo kumva umwandiko (gusoma, gusobanura no gusesengura) Kubwira abanyeshuri gufata mu mutwe ikinamico. Kubwira abanyeshuri gukina bahuza imvugo n'ingiro kandi bashiramo isesekaza. 	<ul style="list-style-type: none"> Kumva umwandiko Gufata mu mutwe ikinamico Gukina bahuza imvugo n'ingiro kandi bashiramo isesekaza.

Umwaka wa kane

Igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icy 1	<ul style="list-style-type: none"> Gutahura mu nteruro amazina yaturutse ku ikomora. Gusesengura amazina 	IKOMORAZINA - Ikomorazina mvazina Rishingiye ku ihindurantego:	<ul style="list-style-type: none"> Gusomesha umwandiko. Kubwira abanyeshuri bagatahura amazina akomoka ku yandi mazina. 	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma umwandiko. Gutahura amazina akomoka ku yandi mazina. Gusesengura amazina akomoka

	<p>akomoka ku yandi mazina</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutanga inshoza y'ikomorazina • Kugaragaza amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu ikomorazina 	<p>- <i>iyitirira</i> Urug. Umuntu- ubumuntu- ubuntu - <i>ipfobya</i>, - <i>amazina akomoka ku tubimbura</i>, - <i>amazina akomoka ku misuma</i>.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kubwira abanyeshuri gusesengura amazina akomoka ku yandi mazina. • Kubwira abanyeshuri kuvuga inshoza y'ikomorazina • Kubwira abanyeshuri kugaragaza amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu ikomorazina. 	<p>ku yandi mazina.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga inshoza y'ikomorazina. • Kugaragaza amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu ikomorazina.
Icy 2	<p>-Kuvuga uburyo Sida yanduriramo -Gusobanura uburyo bwo kuyirinda</p>	Umwandiko kuri Sida	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha kumva umwandiko • Kuyobora ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko(gusoma, gusobanura, gusesengura, <ul style="list-style-type: none"> • Gusaba abanyeshuri kuvuga inzira Sida yanduriramo n'uburyo bwo kuyirinda 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko:gusoma, gusobanura, gusesengura • Kuvuga inzira Sida yanduriramo • Kuvuga uburyo bwo kwirinda Sida
Icy 3	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. • Gutegura imbata y'umwandiko runaka • Guhina umwandiko ahereye ku ngingo z'ingenzi 	Imbata y'umwandiko	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko : gusoma, gusobanura, gusesengura. • Kubwira abanyeshuri gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. • Kubwira abanyeshuri gutahura ibice by'ingenzi bigize umwandiko. • Kubwira abanyeshuri gutegura imbata y'umwandiko bahawe. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko: gusoma, gusobanura, gusesengura.. • Kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. • Gutegura imbata y'umwandiko runaka. • Guhanga umwandiko mu buryo bw'inyurabwenge bubahiriza imbata y'umwandiko. • Guhina umwandiko ahereye ku ngingo z'ingenzi.

		Ihinamwandiko	<ul style="list-style-type: none"> • Kubwira abanyeshuri guhina umwandiko bahereye ku ngingo z'ingenzi. 	
Icy 4	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga inshoza y'inyandiko z'ubutegetsi • Gukora inyandiko z'ubutegetsi 	Inyandiko z'ubutegetsi (impapuro zo kuzura: icyemezo cy'amavuko; icyemezo kiranga umuntu.)	<ul style="list-style-type: none"> • Gutegura impapuro zo kuzura • Gukoresha ibikorwa bigamije kumva ibyanditse ku mpapuro zo kuzura. • Kubwira abanyeshuri kuzura impapuro z'ubutegetsi 	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitgereza impapuro zo kuzura • Gusoma no gusobanura amagambo agaragara kuri izo mpapuro. • Kuzura impapuro z'ubutegetsi
Icy 5	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ibiranga umuco nyarwanda mu migenzo, mu myifatire no mu mibereho bivugwa mu mwandiko • Gutahura no gusobanura ingingo z'amateka ziri mu mwandiko • Kugaragaza ingeri z'umuco n'imihindukire yawo. 	Umwandiko ku muco n'amateka by'u Rwanda	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umwandiko: gusoma, gusobanura, gusesengura • Gusaba abanyeshuri kugaragaza ingingo zivuga ku muco n'amateka. • Kubwira abanyeshuri kurondora ibyo umuco nyarwanda ugaragariramo n'imihindukire yawo. • Kubwira abanyeshuri kuvuga inshoza y'umuco. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umwandiko • Kugaragaza ingingo zivuga ku muco n'amateka by'u Rwanda. • Kurondora ibyo umuco nyarwanda ugaragariramo n'imihindukire yawo. • Kuvuga inshoza y'umuco nyarwanda.
Icy 6	<p>-Gusobanura amagambo impuzanyito, impuzashusho, imbusane, ...</p> <p>- Gutanga inshoza y'impuzanyito, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho, inyito mbonera, n'imvugo shusho...</p>	Inyunguramagambo (impuzanyito, imvugakimwe n'imbusane, ingwizanyito, impuzashusho,...)	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko. • Kubwira abanyeshuri gushakira amagambo impuzanyito /imvugakimwe, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho... by'amagambo ari mu mwandiko. • Kubwira abanyeshuri gutanga inshoza y' impuzanyito /imvugakimwe, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko. • gushakira amagambo impuzanyito, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho... by'amagambo ari mu mwandiko. • Gutanga inshoza y' impuzanyito /imvugakimwe, imbusane, ingwizanyito, impuzashusho...

Icy 7	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura ibiranga umuvugo ku miterere yawo no ku birimo (imyubakire n'imvugo ikoresheya) - Gutandukanya umuvugo n'indi myandiko - Guhanga umuvugo 	Umuvugo	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva umuvugo (kwitegereza, gusoma, gusobanura no gusesengura). • Kubwira abanyeshuri gutahura ibiranga umuvugo. • Kubwira abanyeshuri kuvuga inshoza y'umuvugo • Kubwira abanyeshuri guhanga umuvugo. 	<ul style="list-style-type: none"> • Kumva umuvugo (gusoma, gusobanura no gusesengura). • Gutahura ibiranga umuvugo. • Kuvuga inshoza y'umuvugo. • Guhanga umuvugo.
Icy 8	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura indangahantu mu nteruro • Kwerekana inteko z'indahantu • Gutahura imihindukire y'indangahantu: ku—kuri mu—muri • Kugereranya inteko z'indangahantu n'iz'amazina • Kurondora inteko z'indangahantu n'imikoreshereze yazo 	Indangahantu	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha interuro • Gusaba abanyeshuri gutahura indangahantu • Kuyobora imirimo y'isesengura 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura indangahantu mu nteruro • Kwerekana inteko z'indahantu • Gutandukanya amoko y'indangaha • Kugereranya inteko z'indangahantu n'iz'amazina • Kurondora inteko z'indangahantu n'imikoreshereze yazo

UMWAKA WA GATANU

Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icy 1	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura ibiranga inkuru ndende (imiterere, ibivugwamo) - Gutandukanya inkuru ndende n'andi moko y'imyandiko 	Inkuru ndende	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gukoresha ibikorwa biganisha ku kumva inkuru ndende ▪ Kubwira abanyeshuri kuvuga ibiranga inkuru ndende bagendeye ku miterere yayo n'ibivugwamo ▪ Kubwira abanyeshuri gutandukanya inkuru ndende n'andi moko y'imyandiko 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Kumva umwandiko ▪ Kuvuga ibiranga inkuru ndende bagendeye ku miterere yayo n'ibivugwamo ▪ Gutandukanya inkuru ndende n'andi moko y'imyandiko
Icy 2	<ul style="list-style-type: none"> • Gukoresha inshinga mu bihe byazo bitandukanye. 	Itondaguranshinga Ibihe by'inshinga: indagihe (y'aka kanya, y'ubusanze, imbaramakuru), impitagihe (impitakare, impitakera), inzagihe (inzahato, inzakera),	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko • Kubwira abanyeshuri gutahura mu mwandiko inshinga zitondaguye. • Kubwira abanyeshuri kuvuga igihe igikorwa kibumbatiwe n'inshinga cyabereye. • Kubwira abanyeshuri kurondora ibihe bitandukanye by'inshinga. 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko • Gutahura mu mwandiko inshinga zitondaguye. • Gutahura igihe igikorwa kibumbatiwe n'inshinga cyabereye • kurondora ibihe bitandukanye by'inshinga. •

Icy 3	Kurondora amazina y'uturemajambo tw'inshinga	Uturemajambo tw'inshinga: utuno, indanganshinga, indangagihe, indangacyuzuzo (inyibutsacyuzuzo), umuzi, ingereka, umusozo, agakomezo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko. • Kubwira abanyeshuri gutahura ibigize inshinga. • Kubwira abanyeshuri kurondora uturemajambo tw'inshinga 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko. • gutahura ibigize inshinga. • Kurondora uturemajambo tw'inshinga
Icy 4	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura imigani migufi - Gutahura imigani migufi mu mwandiko - Gusesengura imigani migufi aherye ku buryo bubiri yumvikanamo (uburyo bw'amarenga n'uburyo bwa kamere) - Gukoresha imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko 	Imigani migufi	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusomesha umwandiko ▪ Kubwira abanyeshuri kugaragaza imigani migufi iri mu mwandiko ▪ Kubwira abanyeshuri gusobanura imigani migufi ▪ Kubwira abanyeshuri gusesengura imigani migufi aherye ku buryo bubiri yumvikanamo ▪ Kubwira abanyeshuri gukoresha imigani migufi mu mvugo no mu nyandiko 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusoma umwandiko ▪ Kugaragaza imigani migufi iri mu mwandiko ▪ Gusobanura imigani migufi ▪ Gusesengura imigani migufi aherye ku ▪ Gukoresha imigani migufi mu mvugo no munyandiko
Icy 5	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amazina gakondo n'ay'amatirano - Gusesengura amazina y'amatirano - Gusobanura amategeko agenga itira ry'amazina 	Amazina y'amatirano	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusomesha umwandiko ▪ Kubwira abanyeshuri gutahura amazina y'amatirano ari mu mwandiko ▪ Kubwira abanyeshuri itandukaniro riri hagati y'amazina y'amatirano n'amazina gakondo ▪ Kubwira abanyeshuri gusesengura amazina 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusoma umwandiko ▪ Gutahura amazina y'amatirano ari mu mwandiko ▪ Gutandukanya amazina y'amatirano n'amazina gakondo ▪ Gusesengura amazina y'amatirano

			<ul style="list-style-type: none"> ▪ y'amatirano ▪ Kubaza abanyeshuri kugaragaza amategeko agenga itira ry'amazina 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Kugaragaza amategeko agenga itira ry'amazina
Icyamba 6	<ul style="list-style-type: none"> - Gutahura uturango tw'igisingizo - Gusesengura igisingizo - Gusobanura inshoza y'igisingizo - Guhanga igisingizo - Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe adategwa kandi agaragaza isesekaza (ijwi, ingendo, indoro, amarenga,...) 	Ibisingizo	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusomesha ibisingizo ▪ Kubwira abanyeshuri gutahura ibiranga ibisingizo ▪ Kubwira abanyeshuri gusesengura ibisingizo ▪ Kubwira abanyeshuri gutanga inshoza y'igisingizo ▪ Kubwira abanyeshuri guhanga ibisingizo ▪ Kubwira abanyeshuri kuvugira imbere y'abandi ibyo bafashe mu mutwe 	<ul style="list-style-type: none"> ▪ Gusoma ibisingizo ▪ Gutahura ibiranga ibisingizo ▪ Gusesengura ibisingizo ▪ Gutanga inshoza y'igisingizo ▪ Guhanga ibisingizo ▪ Kubwira abandi ibyo bafashe mu mutwe
